‘’BURYA NA SPORT YABA UMWE MU MISINGI Y’UBUSABANE BW’ ABASASERIDOTI’’

Ku itariki ya 04/06/2012 abasaserdoti ba Diyosezi ya Nyundo basuye bagenzi babo bo muri arikidiyosezi ya Kigali bagirana ubusabane mu mikino ibiri : Basket ball na Foot ball.
Iyo mikino yombi yabaye mu ituze n’ urukundo ariko n’ ishyaka ritabuze .
Ahagana ku isaha ya sa cyenda nibwo umukino wa Football wari utangiye ku kibuga cya Collège Saint André i Nyamirambo. Kimwe mu byashimishije ni uko umukino watangijwe ku mugaragaro n’Archevêque wa Kigali Nyiricyubahiro Musenyeri **Thaddée NTIHINYURWA.** Yasuhuje abakinnyi b’amakipe yombi maze capitaine w’ikipe ya Nyundo Padiri Léonidas KAREKEZI anamwereka abakinnyi ba Nyundo bari basuye Kigali.

Nyuma y'icyo gikorwa hahise havuga ifirimbi nuko rurambikana. Gutangira uwo mukino amasaha yicumye kandi abakinnyi ba diyosezi ya Nyundo bari bafite urugendo rurerure byatewe nuko abapadiri ba arikidiyosezi bari mu nama ya Pesbyterium.

Gusabana n'abandi mu mikino si ikintu gishya ku bapadiri ba Diyosezi ya Nyundo

Usibye kuba abapadiri ba Diyosezi ya NYundo barakunze gukina kenshi na Seminari nto ya Nyundo, n'abakozi ba diyosezi, abapadiri muri iyi myaka ine ishize bakinnye n'ikipe y'akarere ka Rutsiro (aller et retour), Diyosezi ya Byumba(aller et retour),ndetse no mu gihe seminari nkuru ya Nyakibanda yari mu mwaka wa yubile (imyaka 75 ishinzwe) abapadiri ba Nyundo bakinnye n'abadiyakoni.

Imigendekere y'imikino yo ku wa 04/06/2012

Mu mukino **wa Football** ari nawo watangiye ahagana ku isaha ya sa cyenda ikipe y'arikidiyosezi yatsinze diyosezi ya Nyundo ibitego bitatu kuri bibiri. Mu minota umunani ya mbere Padiri Jaques NDUNGUTSE yari amaze guhindukiza ubugira kabiri umunyezamu w'ikipe ya diyosezi ya Nyundo Padiri Léonidas NGOMANZIZA ubusanzwe udakangwa n'amashoti abonetse yose. Bamwe mu batoza b'iyi kipe bibazaga niba atari ikibuga cyiza cyane cyari cyabatonze doreko ari nka bimwe byo mu bihugu byateye imbere. Benshi mu bakinnyi ba Nyundo ni ubwa mbere bari

bakiniye ku kibuga nk'icyo, dore ko noneho ikibuga basanganywe ubu gisigaye cyugarijwe n'igishanga kubera imvura nyinshi.

Icyakora gutsindwa rugikubita ntibyaciye intege abapadiri ba diyosezi ya Nyundo ndetse bidatinze Padiri Philbert KAYIRANGA ku mashoti aremereye cyane atari yigiye aho doreko ari rutahizamu ukomeye, nawe yashoboye kwishyura ibyo bitego bibiri bityo ahindukiza Padiri Patrice wari uhagaze neza mu izamu kandi asa n'uwaryuzuye. Ibyo byakozwe nyuma yo gupfumura ba myugariro b'ikipe y'arikidiyosezi barimo Padiri Jean Claude MUVANDIMWE. Igice cya mbere cyarangiye ari uko bihagaze.
Mu gice cya kabiri nibwo Padiri Jean Jacques NDUNGUTSE yatsinze igitego cya gatatu cy'agashinguracumu nyuma yo kurundarunda n'ubuhanga bukomeye batatu muri ba myugariro b'ikipe ya Nyundo bityo umukino urangira ari ibitego bitatu bya Kigali kuri bibiri bya Nyundo.
Mu mukino wa **Basketball** nawo wari utegerejwe na benshi wibazwagaho byinshi birimo kumenya ikipe iwitwaramo neza kurusha indi. Uwo mukino wagaragayemo ubuhanga ku mpande zombi.
Si abasaserdoti bakiri bato gusa bakina neza uwo mukino ahubwo n'abapadiri bakababakaba mu myaka mirongo itandatu baracyabishobora.Twavuga nka Padiri Eugène MURENZI ku ruhande rwa Nyundo ndetse na Padiri Anaclet MWUMVANEZA Ku ruhande rwa Kigali. Ni byo koko '' ***Le secret de l'éternelle jeunesse c'est le sport''.***
Bidatinze ikipe y'arikidiyosezi yagaragaje ubushobozi kurusha iya Nyundo. Padiri Patrice na Padiri Lambert bakomeje kwinjiza mu gatebo botsa igitutu ikipe ya NYundo. Uko kurushwa byabonewe igisobanuro na bamwe mu bazi ikipe ya Nyundo mu ibura ry'abakinnyi b'imena nka Padri Damascène BIZIMANA, umunaniro wa Padiri Léonidas wari uvuye gukina Football ndetse n'ukuva mu kibuga kwa Padiri Jean Paul HAGUMINEZA wari umaze kuvunika akajyanwa muri C.H.K.
Umukino waje kurangira ari amanota 41 ya Kigali kuri 26 ya Nyundo.
Igice cyakurikiyeho cyabaye icyo gusangira amagambo ndetse n'ifunguro. Mu byagarutsweho n'abahagarariye amakipe **Padiri Anaclet MWUMVANEZA** ku ruhande rwa Kigali na **Padiri Prosper NTIYAMIRA**ku ruhande rwa Nyundo ni isano ikomeye abapadiri bafitanye ishingiye ku isakramentu basangiye. Ku bw'iyo sano ni ngombwa kumenyana kurushaho ndetse imyidagaduro nk'iyo nta kindi yari igamije kitari ugushimangira ubwo bucuti n'ubuvandimwe.
Impande zombi zemeranyijweko umukino wo kwishyura utazatinda. Ubwo busabane bwashojwe n'ijambo rya Padiri André KIBANGUKA, Umuyobozi wa Collège Saint André akaba n'umuyobozi wa APRERWA. Yashimiye abasaserdoti uko kwigomwa indi mirimo bagaha agaciro uko guhura. Yaboneyeho no kubararikira kuzitabira inama y'APRERWA iteganyijwe muri kanama 2012. Ni nawe wavuze isengesho risoza anaha umugisha abasaserdoti bari bateraniye

aho. Turizera ko umukino wo kwishyura uzaba vuba kandi ko Nyundo izashobora guhuriza hamwe ba Rutahizamu bayo bari basigaye kubera impamvu z'imirimo n'urugendo nyobokamana rw'i Namugongo.

Padiri Fraterne NAHIMANA

Ishyaka muri Basketball